**IJAMBO RY'UMUYOBOZI MUKURU WA**
**UNITY CLUB *INTWARARUMURI*,**
**NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME**
**MU IHURIRO RYA 6 RY'ABANYAMURYANGO**

**GABIRO, TARIKI YA 11-12 UKWAKIRA 2013**

- Ba Nyakubahwa Bayobozi b'ikirenga mu nzego nkuru z'igihugu cyacu;
- Bavandimwe, Banyamuryango ba Unity Club *INTWARARUMURI*;
- Batumirwa bacu bahire;

Ndabaramukije mu ndamukanyo yacu muri Unity Club, tugira tuti; Nimugire ubumwe, bwo musemburo w'iterambere rirambye.

Munyemerere mbanze mbashimire kuba mwitabiriye ubutumire bwacu muri iri huriro rya gatandatu ry'Abanyamuryango ba Unity Club. Ibi birahamya agaciro mukomeje guha ibiganiro dutegura buri mwaka n'inyungu bidufitiye, twe abayobozi, igihugu cyacu, n'Abanyarwanda muri rusange.

N'ubwo bitoroshye kugira igipimo cy'impinduka zigenda ziba mu mitima yacu nk'abayobozi biturutse ku biganiro nk'ibi, ndahamya neza ko hari itandukaniro rinini hagati y'aho tugeze ubu n'uko byari byifashe mu gihe cy'amavuko ya Unity Club; abo twari kumwe icyo gihe barabyibuka neza. Dushingiye ku ntego twihaye yo "kwimakaza umuco w'ubumwe n'amahoro, byo nkingi z'iterambere rirambye", twashyize imbere umuco wo "kuganira mu bworoherane n'ukuri", kandi biratwubaka.

Ni yo mpamvu nishimiye insanganyamatsiko igiye kuganirwaho muri iri huriro. ***<u>NDI UMUNYARWANDA.</u>*** NDI UMUNYARWANDA tuyivuge twemye, tuzirikana agaciro kayo ubihuje n'amateka yacu. Kuba Umunyarwanda si ugutura u Rwanda gusa, kabone n'ubwo kuvuka i Rwanda bitanga uburenganzira busesuye, kandi bureshya kuri iyo ngobyi dusangiye.

Kuba Umunyarwanda ni ukugira ingengabitekerezo y’ubunyarwanda: The Rwandan Spirit. Ni ukwemera kuba uwarwo, rukaba urwawe, mu mateka, mu muco, mu migirire n’imitekerereze, mu cyerekezo n’intego, no mu buryo dutunganya imiyoborere kandi tukikemurira ibibazo.

Kuba umunyarwanda ni cyo gicumbi kiduhuza. Mu mateka yacu, icyakunze kugaragara nk’igitanya abatuye u Rwanda, ni amoko. N’uyu munsi, ubifitemo inyungu ntiyabura ibindi yakoresha ngo aducemo ibice. Ibi birasanzwe mu mateka ya muntu. Ntidukwiye rero kugarukira ku buryo ukwicamo ibice kwigaragaza, ahubwo uyu ni umwanya wo gutekereza ku mizi n’impamvu nyakuri ziba zibiri inyuma.

Ese uri inyuma y’umugambi wo kuducamo ibice ni nde? Inyungu abifitemo turazizi? Ahubwo se, uwo mugambi warahagaze, cyangwa ingamba n’intwaro ziri gukoreshwa bikomeje guhindura isura?

Ibi ni ibibazo dukwiye kwibaza nk’abayobozi, bagomba kuba Intwararumuri ku banyarwanda. Uko tubisesengura, biradufasha kubona ko icyo twita ikibazo atari cyo kibazo, ahubwo ko inyungu rusange z’abanyarwanda zatewe. Biratwibutsa ko dukeneye gukenyera tukarinda ibyo twubaka none, n’ibyo duteganya kubaka ejo. Biratuma dutekereza ku byo twabwiwe cyangwa byagiye bitwiyubakamo ku buryo amarangamutima yacu aduhatira kwanga uwo tudahuje.

Biradufasha kwakirana ubutwari ayo mateka yacu. Biratwereka ko twese hamwe dukeneye kwinjira mu nzira yo gukira ibyo bikomere. Reka mbisabire, twinjire muri iyi gahunda mu bwiyoroshye no gutinyuka kureba mu maso ukuri kw’imitima yacu.

Mu minsi ishize urubyiruko rwacu rwatanze impuruza, rushishikariza urungano rwabo kwiyambura umutwaro w'amateka y'ibyo ababyeyi babo bakoze. Twabumvise bwangu nk'abababyaye, dukurikiza inshingano twe tumaranye igihe, yo kuba INTWARARUMURI mu miryango yacu n'iy'Abanyarwanda. Dufata icyemezo cyo gukoresha ubunararibonye dufite mu kubaka ubunyarwanda, dusana imitima, duhumuriza buri wese ubikeneye.

Muribuka ko iyi gahunda yavuzweho byinshi cyane, bamwe bati; igamije guhatira abahutu gusaba imbabazi, abandi bati; icyaha ni gatozi ntawe ukwiye gusabira undi imbabazi, n'abandi bati; igamije gusiga icyaha abahutu bose ndetse n'abana babo yemwe n'abanzi b'igihugu babyuririyeho kuko batagifite ikindi bitwaza. Abandi bayitiriye Perezida wa Repubulika na Madamu.

Twe nk'abayobozi, twagiye tubibona ku buryo butandukanye, ndetse tunabivugaho byinshi . Ariko icy'ingenzi, ni ukwibaza niba koko iki atari cyo gihe cyo gukanda aho tukibabara. Twakomeje kenshi kugaruka ku nsanganyamatsiko zishimangira ubunyarwanda mu mahuriro yabanje. Tumaze imyaka hafi 20 tugerageza kugarura mu buryo ibyasenye ubumwe bw'abanyarwanda. Si igihe kirekire, ariko si na kigufi. Ahubwo dukwiye kwihuta kurushaho gukemura izo nzitizi zatubuza kwisanzura no gutanga umusanzu wacu mu kubaka iterambere ry'igihugu.

Abenshi turi hano twagendanye urugendo rw'igihe kitari gito, kandi kitari cyoroshye. Twafatanyije urugamba rwo kubaka, ubu noneho turizera ko tutabyisenyera. Urwo rugendo twakoze rwatweretse ko ”icyo dupfana kiruta icyo dupfa”.

Biri n'amahire ko urwo rumuri tuje kurucanira hamwe mu hantu ikibatsi cy'umuriro wo kubohora uru Rwanda cyatangiriye. Tubonereho n'umwanya wo kwibuka no gushimira urubyiruko rwatangije urwo rugamba. Tuzirikane kandi ko bari bafite imyaka nk'iyaba abajeune baduteye impuruza.

Mu gihe cya Ndi Umunyarwanda y'urubyiruko, byagaragaye ko bafite byinshi bibaza:

- Abana baragira abati hari amateka babwiwe muri Ndi umunyarwanda atandukanye n'ibyo mu miryango batwigisha
- Hari umwana wabwiye mugenzi ngo bajye bakomeze bajijishe ko biyumvamo ubunyarwanda
- Hari n'abarimu bagaragaje ko bagira ikibazo iyo bageze ku isomo rivuga kuri genocide iyo bigisha amateka
- Hari abana bagaragaje ko badatandukanya genocide n'intambara y'abacengezi no guhunga
- Kuki tuvuga NEVER AGAIN kandi tubona abantu bagitema abandi, bagera muri gereza bakagaburirwa neza uwo yahemukiye akaguma mu gahinda.

Urubyiruko rukeneye ko turuha ibisubizo by'ibyo bibazo rwibaza. Niba tuticaye hamwe nk'abayobozi ngo tubitinyuke, twisuzume, tuzahora iteka dusiga umurage mubi.

Iyi nsanganyamatsiko NDI UMUNYARWANDA, ni indahiro twarahiriye u Rwanda tuyoborera, ni intego twiyemeje kurasa, tuzinduwe no gusuzuma uko tutayirasa gusa, ahubwo tugomba kuyihamya.

Ni umwato w'abashyize hamwe nkatwe, bakunda u Rwanda kibyeyi, kandi biyemeje kururinda bihoraho.

Reka rero gahunda ya NDI UMUNYARWANDA tuyishyigikize ibikorwa bifatika, tuzagere mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 20 tugaragaza intambwe tumaze kugeraho. Benshi muri mwe mwagize amahirwe u Rwanda rubashinga kuyobora, murahira mukomeje kutazatatira na rimwe igihango cy'ubumwe bw'abaruvuka. Abanyarwanda bagire ubumwe buhamye, babyare abana bavuga bati NDI UMUNYARWANDA.

Turahirwa twe Intwararumuri n'Abanyarwanda ba none. Muri iyi myaka 20 ishize, imbaraga zacu zose, ubwenge bwacu bwose, n'umutima wacu, byahawe igihe cyo kwirukana ubwicanyi, umwiryane, irondakoko n'irondakarere, n'akarengane aho kaba gaturuka hose. Nk'Intwararumuri, twiganjemo abayoboreye u Rwanda mu bihe by'ingorabahizi, tuzi neza uburebure bw'urwo rugendo, agaciro k'ibyo twagezeho, ndetse biduha guhora twifuza gukora ibishoboka byose kugira ngo twirinde, turinde n'abacu icyagarura icyago ku Rwanda.

Ntimugire ubwoba rero. Ahubwo nimube intwari. Kandi Imana yacu, imwe yirirwa ahandi igataha i Rwanda, izabidufashamo.

Umwiherero mwiza kuri twese.
MURAKOZE